

A Inkomoko y'ubusonga:

❖ Icyitegererezo cya Yesu

- Ni iyihe sano iri hagati y'ubuntu bw'Imana no gutanga kwayo? (2 Abakorinto 8:1–2)
- Imana yahaye ubuntu bwayo amatorero yo muri Makedoniya, maze “byasesekariyemo ubutunzi, ku bw'iby'ubuntu batanze” (2 Abakorinto 8:2). Kandi ubu ni ubuntu bwa Yesu kuri bo, no kuri twe: Nubwo yari umutunzi, yahindutse umukene (2 Abakorinto 8:9); Yavuye mu ijuru aza kuba ku Isi; Yaretse gutegeka Isanzure yose maze aba umubaji; Yavuye ahantu hūje amahoro, aza gutura mu gihugu cy'umwanzi; Ikamba ry'ubwami yariguranye ikamba ry'amahwa.
- Kandi byose yabikoze kubw'urukundo yadukunze! (Yoh. 15:13; Ef. 5:2; Gal. 2:20; 1 Yoh. 3:16).

❖ Igisubizo ku buntu bwakiriwe

- Reba uko Abanyamakedoniya bakoresheje ubuntu bagiriwe:
 - (1) Bakiriye ubuntu bwa Yesu (2 Abakorinto 8:9)
 - (2) Bihaye Yesu (2 Abakorinto 8:5)
 - (3) Bingingiye guhabwa amahirwe yo gufasha abandi (2 Abakorinto 8:4)
 - (4) Mu bukene bwabo, batanze ibirenze ubushobozi bwabo (2 Abakorinto 8:2–3)
- Ibi bitwigisha iki?
 - (1) Gushima ubuntu bw'Imana (2 Abakorinto 9:15). Yesu yatanze byose ku bwacu. Gushima kwacu kugaragarira mu cyifuzo cyo kumwiyegurira byuzuye.
 - (2) Icyifuzo cyo gusangiza abandi imigisha y'Imana (2 Abakorinto 9:11a). Duha abandi kuko twabanje guhabwa n'Imana.
 - (3) Urukundo ruzira uburyarya (2 Abakorinto 8:24). Gutanga ni ikimenyetso cy'uko urukundo rwāsābye mu mitima yacu.

B Uburyo bwo gushyira mu ngiro ubusonga:

❖ Kugambirira gukwiriye

- Gahunda Pawulo yari yaratanze yari iyo gukusanya ituro ridasanzwe riturutse mu matorero ya Makedoniya na Akaya (intara Korinto yari iherereyemo) kugira ngo rifashe itorero ry'i Yerusalemu (Abaroma 15:26).
- Ubwo intumwa yatangaga iyi gahunda i Kolosayi umwaka umwe mbere yaho, yakiriwe neza cyane, nubwo nta ntego zihariye zari zarashyizweho icyo gihe (2 Abakorinto 9:1–2). Ariko, buri wese mu bagize itorero yiyemeje mu mutima we gutanga ingano runaka (2 Abakorinto 9:7a).
- Mu gihe cyo gutegeka ituro, buri muryango ugomba kwisuzuma no kugambirira intego zikwiriye, hakurikijwe uko batungishijwe.
- Indi ngingo Pawulo yagambiriye ni uko batagombaga gutegereza gutangira byose icyarimwe, ahubwo bakabika ibyo muri buri cyumweru kugeza igihe bagereye ku ntengo bateganyije (1 Abakorinto 16:2). Bityo, igihe Pawulo yabageragaho, yakiranaga ibyishimo byasonzoranyijwe (2 Abakorinto 9:3–5).

❖ Inyifato ikwiriye

- Kugira ngo Pawulo ashishikarize Abakolosayi kugira ubuntu bwo gutanga, abaha urugero rwa Makedoniya. Muri ayo matorero, abavandimwe bari baragaragaje inyifato ikwiriye kandi y'icyitegererezo mu gutanga amaturo yabo, kuko batanze...
 - (1) bafite ibyishimo (2 Abakorinto 8:2a). Bumvise bishimiye kuba bashoboye gutanga.
 - (2) bafite ubuntu (2 Abakorinto 8:2b). Ubukene bwabo ntabwo bwari inzitizi.
 - (3) ku bushake (2 Abakorinto 8:3). Babikoze ku bushake kandi byizanye.
 - (4) nk'amahirwe (2 Abakorinto 8:4). Ibi byababereye uburyo bwo kwerekana urukundo bakunda Imana n'itorero
 - (5) nk'igikorwa cyo kwiha Imana (2 Abakorinto 8:5). Kwiye gurira Imana kwabo kwabaviriyemo kwitangira abandi

C Imbuta y'ubusonga:

❖ Ubumwe bw'itorero

- Ituro ryajyanywe i Yerusalemu ryagize izindi ngaruka nziza (2 Abakorinto 9:12).
- Abayuda n'Abanyamahanga bahurijwe mu murunga w'ubumwe kubera ubufasha n'ishimwe (Abaroma 15:26–27). Bityo, intego nyamukuru y'intumwa yagezweho: ubumwe mu itorero.
- Indi ngaruka nziza ni uko uburyo ituro ryatanzwemo bufite isomo ridasanzwe kuri twe muri iki gihe: byose bigomba gukorwa muri gahunda, hanakurikizwa inzira zikwiriye.
- Pawulo yatoranyirije Tito guhagararira isonzoranya ry'amaturo, kandi amatorero yashyizeho abavandimwe bo kumufasha muri uwo murimo (2 Abakorinto 8:16–24). Nta bundi buryo bwiza bwari buhari bwo gusonzoranya amaturo no kuyohereza i Yerusalemu.